BIBLE
316

# Bibiliya ni Iki?

**Bibiliya ni Iki?** Ni amagambo Imana ikubwira. Si amagambo avuga iby'Imana gusa, Ahubwo aturuka no ku Mana. Arenze kuba amagambo afasha umuntu. Ahubwo ni ibyahumetswe (ibyahumetswe n'Imana). Yisome. Yumve. Yitekerezeho. Yige. Yishyire mu bikorwa. Intumwa Petero yaranditse ngo, *"mumere nk'impinja zivutse vuba, mwifuze amata y'umwuka adafunguye, kugira ngo abakuze abageze ku gakiza,"* 1 Petero 2:2.

**Kuki Bibiliya ari igitabo cyihariye?** Ibitabo 66 biyigize byanditswe mu ndimi eshatu (Igiheburayo, Icyaramaya, n'Ikigiriki) byandikwa n'abantu barenga mirongo ine mu gihe kingana n'imyaka 1,600 bahuje intego imwe batigeze bavuguruzanyaho mu binyejana byinshi banditsemo. Isezerano Rishya ryemejwe binyuze mu nyandiko cyangwa kopi za kera zirenga 5,000. Ukuri kwa Bibiliya kwahamijwe mu buhanuzi bwayo bwasohoye, mu byo abashakashatsi b'iki gihe bacukumbuye, mu kuri kugaragaza ko ahantu havugwa muri Bibiliya habaho, no mu bwenge bw'ibihe byose bivugwa mu Imigani. Bibiliya ni cyo gitabo cya mbere cyanditswe gikomeye kandi kibasha guhindura abantu. Nta kindi gitabo gifite kopi nyinshi, cyakwirakwijwe cyane ku isi, cyasemuwe mu ndimi nyinshi, cyahinduye buzima bwa benshi, kandi kimaze imyaka myinshi nka Bibiliya. Bibiliya ni cyo gitabo cyonyine gifite ubutware dushobora kwizera kandi butwereka uko dukwiriye kubaho. Bibiliya ni cyo gitabo cyonyine gisumba ibindi bitabo byose.

### Ni ibiki biranga Bibiliya?

Bibiliya ni ibyahumetswe n'Imana. *"Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana,"* 2 Timoteyo 3:16.

Bibiliya ni ukuri. Yesu yarasenze ngo, *"Ubereshe ukuri: ijambo ryawe ni ryo kuri,"* Yohani 17:17.

Bibiliya ni ukuri no mu busobanuro bwayo burambuye. Yesu yaravuze ngo, *"Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira,"* Matayo 5:18. Ukuri kw'inyandiko za mbere kwararinzwe cyane ku buryo ubusemuzi bw'iki gihe bwakozwe neza ku kigero cyizewe cya 99%.

Bibiliya iratunganye. *"Amagambo y'Uwiteka ni amagambo atanduye, Ahwanye n'ifeza igeragejwe mu ruganda rwo mu isi, Ivugutiwe karindwi."* Zaburi 12:7.

Bibiliya ihoraho iteka ryose. *"Ubwatsi buraraba uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose,"* Yesaya 40:8. Bibiliya ni ukuri kudahinduka nk'uko kwahoze no mu gihe yandikwaga.

Bibiliya irakomeye. Abaheburayo 4:12, *"Kuko ijambo ry'Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose, rigahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n'umwuka, rikagabanya ingingo n'umusokōro kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira."*

### Ni izihe nyungu umuntu akura muri Bibiliya?

Bibiliya iduha ibidukwiriye byose. *"Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose,"* 2 Timoteyo 3:16-17.

Bibiliya idufasha kudacumura. Zaburi 119:9, 11 hatubwira uko twabikora. *"Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kuyitondera nk'uko ijambo ryawe ritegeka."* kandi *"Nabikiye ijambo ryawe mu mutima wanjye, Kugira ngo ntagucumuraho."*

Bibiliya ituyobora muri iki gihe (mu ntambwe zacu) ikanatuyobora no mu gihe cyacu kizaza (inzira tugomba kunyuramo). *"Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye,"* Zaburi 119:105.

Bibiliya itanga ubwenge. *"Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, Guha abaswa ubwenge,"* Zaburi 119:130. Ubwenge butagira iherezo buboneka mu gitabo cy'Imigani cyo mu Isezerano rya Kera.

Bibiliya iradufasha mu bihe bikomeye. Zaburi 119:50 hadutera intege havuga ngo, *"Iki ni cyo kimara umubabaro mu makuba yanjye no mu byago byanjye, Ni uko ijambo ryawe ryanzuye."*

Bibiliya itanga ibyiringiro. *"Ibyanditswe kera byose* [bivuga Isezerano rya Kera] *byandikiwe kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa na byo biduheshe ibyiringiro,"* Abaroma 15:4.

Bibiliya itanga amahoro. Zaburi 119:165 hadusezeranya ngo, *"Abakunda amategeko yawe bagira amahoro menshi, Nta kigusha bafite."*

Bibiliya itanga ibyishimo. Yeremiya 15:16 haduha urugero rwiza ruvuga ngo, *"Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero n'ibyishimo byo mu mutima wanjye, kuko nitiriwe izina ryawe."*

**Ni gute umuntu yasoma cyangwa yakumva Bibiliya?** Suzuma umurongo urenze umwe. Tekereza ku ntego enye zivuga ko *"Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka,"* 2 Timoteyo 3:16. Uko usoma kandi wumva, ibaze ibi bibazo bine. Ni iki ibi binyigisha? Ni iki ibi binyemeza? Ni ibiki nkwiye gukosora? Ni gute ibi byanyigisha kugira ngo ndusheho gukiranuka?

**Byamera gute ntafite Bibiliya?** Kora ibishoboka byose kugira ngo ugure Bibiliya isemuye neza. Niba udashobora kuyigura, kuri interineti wahasanga nyinshi zo gusoma no kumva. Tekereza uko wagura Bibiliya ufatanyije n'inshuti yawe cyangwa inshuti zawe mwasangira. Cyangwa usabe itorero ryawe cyangwa abizeye bagenzi bawe kugira umuntu umwe wasomera Bibiliya itsinda ryose maze namwe mutege amatwi mwitonze. *"Ahubwo hahirwa abumva ijambo ry'Imana bakaryitondera.* [kuryumvira no kwisanisha na ryo]," Luka 11:28.

**Ni iyihe mirongo yihariye ireba abigisha ba Bibiliya n'abayobozi b'itorero?** Ba umwigishwa wa Yesu uguma (uba) mu Ijambo. "Nuko Yesu abwira Abayuda bamwemeye ati, *'nimuguma* [kuguma] *mu Ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri,'"* Yohani 8:31. Iga Bibiliya kugira ngo wemerwe. *"Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri,"* 2 Timoteyo 2:15.

**Kuki Bibiliya ari ingirakamaro iteka ryose?** Intumwa Yohani yasobanuye intego ye yatumye yandika Ubutumwa Bwiza. Iyo ntego ishobora gukoreshwa kuri Bibiliya yose. *"Hariho n'ibindi bimenyetso byinshi Yesu yakoreye imbere y'abigishwa, bitanditswe muri iki gitabo. Ariko ibi byandikiwe kugira ngo mwizere yuko Yesu ari Kristo Umwana w'Imana, kandi ngo nimwizera muherwa ubugingo mu izina rye,"* Yohani 20:30-31. Ni gute wizera Yesu kandi ugahabwa ubugingo buhoraho? Bimenye kuri www.Gospel316.org.

**"Ubwatsi buraraba uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose." Yesaya 40:8**

---

*Bibiliya ni Iki?* © 2025 ni igitabo cya John D. Morris III cyasohowe na Acts One Eight. Ushobora kugicapa ku buntu, kugikopiya, kugitangaza ku mbuga interineti, kuri email, cyangwa kwandika ubutumwa bwose bukubiye muri iyi nyandiko ntacyo uhinduyeho. Ushobora kongeraho izina cyangwa ikirango by'umuryango w'ivugabutumwa cyangwa itorero ukorera kuri paji ya mbere kandi ukandika nomero yawe ya telefone ahagana hasi kuri paji ya kabiri. Urubuga Bible316 rushingiye kuri Bibiliya gusa. Rubereyeho gufasha abantu kwizera Yesu Kristo no gukura bakaba abigishwa Be. Ushobora kwandikira email Acts One Eight (mu Cyongereza niba bishoboka) kuri: Hello@Mail316.org. Ubusemuzi butari mu rurimi rw'Icyongereza bwatanzwe na www.ChristianLingua.com. *Igitabo, Bibiliya ni Iki*? Kiboneka mu ndimi 48 ku buntu kuri www.Bible316.org. Ibyanditswe biri muri iki gitabo byasemuwe hifashishijwe Bibiliya Yera yo mu 1993.